

## 5. UMWANZURO

Ubworozi bw'inzuki bugezweho buteza imbere ubukungu bw'igihugu. Gukora ubuvumu ku mpamvu y'ubukungu n'impamvu itari iyubu- kungu bigira ingaruka mu myifatire y'abavumu mu gukoresha ikoranabuhanga bugezweho mu buvumu no kwemerwa kwayo.



## KUBINDI BISOBANURO WABAZA;

Egide Gwaneza Tel:0788819500  
Jane Mutune  
Amani Rukundo Nshutiyimana  
Agaba Gahamanyl Phocas  
Dietmar Stoian

Po Box 227 Butare Rwanda  
Telephone: +250788210530  
[www.wordagroforestry.org](http://www.wordagroforestry.org)



Ubworozi bwa kijyambere bw'inzuki bubungabunga n'ibidukikije dusana n'ibyanya byangiritse duteramwo ibiti

Twite kandi ku ruhererekane nyongera agaciro k'ibikomoka ku bworozi bw'inzuki kugirango dukirirgite ifaranga twikure mu bukene



**TREPA**  
Transforming Eastern Province through Adaptation



**Umushinga Ugamije Kubakira Abaturage Ubudahangarwa Ku Mihindagurikire Y' Ikirere Mu Ntara Y' I Burasirazuba-TREPA**



**TWORORE INZUKI KIJYAMBERE TUNONGERERA AGACIRO IBIKOMOKA K'UBUKI**





## INTANGIRIRO

ICRAF ni ikigo mpuzamahanga gikora ubushakashaki ku biti bivangwa n'imyaka,ubu kibaba kiri mu gushyira mu bikorwa umushinga ugamije kubakira abaturage ubu- dahangarwa ku mihindagurikire y'ikirere mu Ntara y'I-burasirazuba (TREPA). Kubufatanye na Guverenoma y'u Rwanda, ikigo cy'Amashyamba (RFA), IUCN, Enabel, World vision, Cordaid.

## 1. INTEGO ZA ICRAF MURI TREPA

Intego rusange:

Gukora ubushakashatsi ku biti bivangwa n'imyaka, gusana ibyanya byangiritse, guteza imbere uruhererekane nyongeragaciro ku biti by'imbutu, ubwatsi bw'amatungo ndetse n'ubuki n'ibibukomokaho.

## 2. AHO ICRAF IKORERA

ICRAF ikorera mu gihugu hose, ariko mu mushinga wa TREPA ikorera mu turere uko ari 7 twose tugize ntara y'Uburasirazuba .

### 2.a. ABANYAMURYANGO MURI TREPA

ICRAF ifite amashyirahamwe n'amakoperative y'abavumvu agera kuri 20 harimo n'ihuriro ry'aborozi binziki baturaye palike y'Akagera.

### 2.b. INTEGO YA ICRAF KU BAVUMVU

- Kongera ubumenyi n'ubushobozi bw'abavumvu binyuze mu mahugurwa,
- Guha ibikoresho bya kijyambere bibafasha mu kongera umusaruro w'ubuki n'ibibukomokaho mu bwinshi no mu bwiza,
- Kubungabunga ibidukikije harimo no gusana ibyanya byangiritse batera ibiti bitanga indabo inzuki zihovaho,

Kuzahura ubukungu bw'abanyamuryango bayo hagamijwe kongera umutungo no kwivana mu bukene

- Ifite n'abakozi babihugukiwe.
- Gufasha abavumvu mu gushaka amasoko y'ubuki ndetse n'ibibukomokaho birimo ibishashara,buji,amavuta yo kwisiga ndetse n'amasabune.

## 3. INZIRA Y'UBWOROZI BW'UMWUGA

Kugira ngo abavumvu bacu bave mu bworozi bwa gakondo, ICRAF ihugura abavumvu ku buvumvu buvuguruye bubafasha kongera ubwinshi n'ubwiza bw'ubuki n'ibibukomokaho.

ICRAF iha ibikoresho birimo imitiba ya kijyambere, imashini zibafasha gukamura ubuki, imyambaro yabugenewe y'abavumvu n'ifumba kugira ngo bongere umusaruro w'ubuki mu bwinshi no mu bwiza hagamijwe kuzamura uruhererekane nyongeragaciro rw'ubuki n'ibibukomokaho.

## 4. GUTUNGANYA UMUSARURO NO GUTEZA IMBERE URUHEREREKANE NYONGERGACIRO.

Kugira ngo umusaruro w'abavumvu urusheho kugira agaciro, ubuki babukamuza imashini zabugenewe ndetse bugafungwa mu bikombe by'abugenewe.

Nyuma yo kubona ubuki abavumvu bakora inta ari zo zibafasha kubona ibishashara, gukora buji ndetse n'amavuta yo kwisiga, bagakoramo n'amasabune .



A. Gukamura ubuki hifashishijwe imashini



B. Buji n'isabune bikoze mu bishashara



C. Gukora ibishashara



D. Ubuki buri mubikombe